



*Promoting Free, Responsible and Accountable Media*

*Guteza imbere itangamakuru ryisanzuye, ryubahiriza inshingano zaryo kandi rikorera mu mucyo*

**Promouvoir des médias libres, responsables et redevables**

**RWANDA MEDIA COMMISSION  
(RMC)**

**Email: [rwandarmc@gmail.com](mailto:rwandarmc@gmail.com)**

**Toll free, Umurongo utishyurwa, Numéro gratuit: 3536**

**Rwanda Journalists and media practitioners Code of Ethics and conduct**  
**Amahame Ngengamyitwarire y’umwuga w’itangazamakuru mu Rwanda**  
**Code d’éthique et de conduite des journalistes et autres professionnels des médias au**  
**Rwanda**

<b>TABLE OF CONTENTS</b> <b>PREAMBLE</b>	<b>ISHAKIRO</b>	<b>TABLE DES MATIERES</b>
<b>CHAPTER I: PRELIMINARY PROVISIONS</b>	<b>UMUTWE WA I: INGINGO RUSANGE</b>	<b>CHAPITRE I : DISPOSITIONS PRELIMINAIRES</b>
Article 1: Purpose and scope of the code of ethics	Ingingo ya 1: Icyo aya mahame ngengamyitwarire agamije n’abo areba	Article 1 : Objet et champ d'application du code d'éthique
Article 2: Journalist and media practitioners	Ingingo ya 2: Umunyamakuru n’Abakora umwuga w’itangazamakuru	Article 2 : Journalistes et Professionnels des médias

Article 3: Professional standards	Ingingo ya 3: Ubuziranenge bw'umwuga	Article 3: Normes professionnelles
Article 4: Accreditation of journalists and media practitioners	Ingingo ya 4: Gutanga uruhushya rwo gukora umwuga w'itangazamakuru	Article 4 : Accréditation des journalistes et professionnels des médias
Article 5: Administration of the code of ethics	Ingingo ya 5: Iyubahirizwa ry'amahame ngengamyitwarire	Article 5 : Administration du code d'éthique
Article 6: Respect for public interest	Ingingo ya 6: Kubahiriza inyungu z'abaturage	Article 6 : Respect de l'intérêt public
<b>CHAPTER II: JOURNALIST/MEDIA PRACTITIONERS AND MEDIA ORGANS' OBLIGATIONS</b>	<b>UMUTWE WA 2: INSHINGANO Z'ABAKORA UMWUGA W'ITANGAZAMAKURU N'IZ'IBITANGAZAMAKURU</b>	<b>CHAPITRE II: OBLIGATIONS DES JOURNALISTES/ PROFESSIONNELS DES MEDIAS ET DES ORGANES DES MEDIAS</b>
Article 7: Defense of universal values	Ingingo ya 7: Kurengera indangagaciro rusange	Article 7 : Défense des valeurs universelles
Article 8: Honesty and search for truth	Ingingo ya 8: Ubunyangamugayo no guharanira ukuri	Article 8 : Honnêteté et recherche de la vérité

Article 9: Social responsibility	Ingingo ya 9: Inshingano mbonezamubano	Article 9 : Responsabilité sociale
Article 10: Accuracy	Ingingo ya 10: Ukuri kw'ibitangazwa	Article 10 : Exactitude
Article 11: Fairness and balance	Ingingo ya 11: Kutabogama no guha ijambo buri ruhande	Article 11 : Équité et équilibre
Article 12: Independence	Ingingo ya 12: Ukwigenga kw'umunyamakuru	Article 12 : Indépendance
Article 13: Protection of sources and professional secrecy	Ingingo ya 13: Kurengera abatanze amakuru no kugira ibanga ry'akazi	Article 13 : Protection des sources et secret professionnel
Article 14: Separation of comments from facts	Ingingo ya 14: Gutandukanya inkuru n'ibitekerezo bwite by'umunyamakuru	Article 14 : Séparation des commentaires et des faits
Article 15: Incitement to hatred	Ingingo ya 15: kubiba urwango	Article 15 : Incitation à la haine
Article 16: Right of correction, rectification and reply	Ingingo ya 16: Uburenganzira bwo gukosora, kugorora , no gusubiza	Article 16 : Droits de correction, de rectification et de réponse

Article 17: Sensational headlines and exaggeration of facts	Ingingo ya 17: Umutwe w'inkuru n'amafoto bishitura kandi birimo amakabya nkuru	Article 17 : Titres sensationnels et exagération des faits
Article 18: Presumption of Innocence	Ingingo ya 18: Gufata nk'umwere ukurikiranyweho icyaha	Article 18 : Présomption d'innocence
Article 19: Innocent relatives and friends	Ingingo ya 19: Abavandimwe n'inshuti batarebwa n'inkuru	Article 19 : Amis et proches innocents
Article 20: Solidarity of journalist/ media practitioners	Ingingo ya 20: Gushyira hamwe kw'abahuje umwuga w'itangazamakuru	Article 20 : Solidarité des journalistes/professionnels des médias
Article 21: Conflict of interest	Ingingo ya 21: Kutabangikanya inyungu	Article 21 : Conflit d'intérêts
Article 22: Intrusion into grief	Ingingo ya 22: Gutangaza inkuru ziyanye n'agahinda	Article 22 : Intrusion dans le chagrin
Article 23: Archives	Ingingo ya 23: Kubika inkuru zatangajwe	Article 23 : Archives

Article 24: Respect for private life and human dignity	Ingingo ya 24: Kubaha ubuzima bwite bwa muntu n'agaciro ke	Article 24 : Respect de la vie privée et de la dignité humaine
Article 25: Violence and obscenities	Ingingo ya 25: Gutangaza inkuru z'ihohoterwa n'ibiteye isoni	Article 25 : Violence et obscénités
Article 26: Protection of minors and Victims of rape	Ingingo ya 26: Kurengera abana batarageza ku myaka y'ubukure n'abandi basambanyijwe ku ngufu	Article 26 : Protection des mineurs et des victimes de viols
Article 27: Professional honor and dignity	Ingingo ya 27: Guharanira ishema n'icyubahiro mu mwuga	Article 27 : Honneur et dignité professionnels
Article 28: Plagiarism	Ingingo ya 28: Kwirinda kwiytirira inkuru yatawe n'abandi	Article 28 : Plagiat
Article 29: Separation of information from advertisement	Ingingo ya 29: Gutandukanya amakuru no kwamamaza	Article 29 : Séparer l'information de la publicité
Article 30: Gender sensitiveness	Ingingo ya 30: Kwita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye	Article 30 : Sensibilité au genre

Article 31: Accountability	Ingingo ya 31: Kubazwa ibyo bakora	Article 31 : Responsabilité
<b>CHAPTER IV: THREE: SPECIAL PROVISIONS ON DIGITAL JOURNALISM</b>	<b>UMUTWE WA GATATU: INGINGO ZIHARIYE KU BITANGAZAMAKURU BIKORERA KURI MURANDASI</b>	<b>CHAPITRE III: DISPOSITIONS PARTICULIERES SUR LE JOURNALISME NUMERIQUE</b>
Article 32: General principle	Ingingo ya 32: Ihame rusange	Article 32 : Principe général
Article 33: Liability of digital journalism	Ingingo ya 33: Inshingano z’itangazamakuru rikorerwa kuri murandasi	Article 33 : Responsabilité du journalisme numérique
Article 34: Monitoring of content	Ingingo ya 34: Gukurikirana ibitangazwa	Article 34 : Surveillance du contenu
Article 35: Duty of care on hyperlinks	Ingingo ya 35: Inshingano zo kwita ku ihuzamwandikonyobora	Article 35: Devoir de vigilance sur les hyperliens
Article 36: Reporting mechanisms	Ingingo ya 36: Uburyo bwo kugaragaza amakosa	Article 36 : Mécanismes de signalement

Article 37: Notice and take-down procedures	Ingingo ya 37: Uburyo bwo kumenyekanisha no gukuraho	Article 37 : Procédures de notification et de retrait
Article 38: Usage of social media photographs and video	Ingingo ya 38: Gukoresha amafoto n’amashusho avuye ku mbuga nkoranyambaga	Article 38 : Utilisation des photographies et des vidéos issues des médias sociaux
<b>CHAPTER IV: RIGHTS OF JOURNALISTS/ MEDIA PRACTITIONERS</b>	<b>UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA BW’ABAKORA UMWUGA W’ITANGAZAMAKURU</b>	<b>CHAPITRE IV: DROITS DES JOURNALISTES/PROFESSIONNELS DES MÉDIAS</b>
Article 39: Free access to sources	Ingingo ya 39: Uburenganzira bwo kugera aho ariho hose umunyamakuru yakura inkuru	Article 39 : Libre accès aux sources
Article 40: Subordination refusal	Ingingo ya 40: Kwanga amabwiriza anyuranye	Article 40 : Refus de subordination
Article 41 : Conscience provision	Ingingo ya 41: Gukurikiza umutimanama	Article 41 : Provision pour la conscience
Article 42 : Journalist/ media practitioner’s protection	Ingingo ya 42: Kurengera umuntu ukora umwuga w’itangazamakuru	Article 42 : Protection du journaliste/ professionnels des médias



Article 43 : Consultation obligation	Ingingo ya 43: Inshingano yo kugisha inama	Article 43: Obligation de consultation
Article 44: Contract and remuneration	Ingingo ya 44: Amasezerano y’akazi n’igihembo	Article 44: Contrat et rémunération
<b>CHAPTER FIVE: DECENCY OF JOURNALIST/ MEDIA PRACTITIONER</b>	<b>UMUTWE WA 5: UKO UKORA UMWUGA W’ITANGAZAMAKURU AGOMBA KUGARAGARA</b>	<b>CHAPITRE V: DÉCENCE DU JOURNALISTE/ PROFESSIONNELS DES MEDIAS</b>
Article 45: Dressing	Ingingo ya 45: Imyambarire	Article 45 : Tenue vestimentaire
Article 46: Language	Ingingo ya 46: Imvugo y’umuntu ukora umwuga w’itangazamakuru	Article 46 : Langage
Article 47: Misusing the press card and abuse of the profession	Ingingo ya 47: Gukoresha ikarita y’akazi mu buryo butari bwo no gusebya umwuga	Article 47 : Utilisation abusive de la carte de presse et abus de la profession
Article 48: Undue pressure or influence	Ingingo ya 48: Gushyirwaho igitutu cyangwa guhatirwa	Article 48 : Influence ou pression injustifiée
Article 49: Payment for Information	Ingingo ya 49: kwishyurwa cyangwa kwishyura amakuru	Article 49 : Paiement de l'information

<b>CHAPTER SIX: BREACHES OF THE CODE OF ETHICS,</b>	<b>UMUTWE WA 6: KURENGA KU MYIFATIRE MBONEZAMURIMO,</b>	<b>CHAPITRE VI : INFRACTIONS AU CODE D'ETHIQUE, PLAINTES ET</b>
Article 50 : Professional breaches	Ingingo ya 50: Kurenga ku mahame y' umwuga	Article 50 : Manquements professionnels
Article 51 : Complaints	Ingingo ya 51: Gutanga ikirego	Article 51 : Plaintes
Article 52 : Respondent	Ingingo ya 52: Uwiregura	Article 52 : Défendeur
Article 53 : Preventing recidivism	Ingingo ya 53: Kwirinda ubusubiracyaha	Article 53 : Prévention de la récidive
Article 54 : Sanctions	Ingingo ya 54: Ibihano bitangwa	Article 54 : Sanctions
Article 55 : Sanctions procedure	Ingingo ya 55: Gutanga ibihano	Article 55 : Procédure des Sanctions
Article 56 : Publication of sanctions	Ingingo ya 56: Gutangaza ibihano	Article 56. Publication des sanctions
Article 57 : Investigation of indiscipline acts	Ingingo ya 57: Gukora iperereza ku myifatire mibi	Article 57. Enquête sur les actes d'indiscipline
Article 58: Right to defense	Ingingo ya 58: Uburenganzira bwo kwiregura	Article 58 : Droit à la défense

<b>CHAPTER SEVEN: ENFORCEMENT OF THE CODE</b>	<b>UMUTWE WA 7: GUSHYIRA MU BIKORWA AMAHAME NDANGAMYITWARIRE</b>	<b>CHAPITRE SEPT : APPLICATION DU CODE D'ETHIQUE</b>
Article 59: Violations to the Code	Ingingo ya 59: Kunyuranya n'amahame ndangamyitwarire	Article 59 : Violations du code
Article 60: Complaints on adherence to Code	Ingingo ya 60: Ibirego byerekeye iyubahirizwa ry'amahame ndangamyitwarire	Article 60 : Plaintes sur le respect du Code
Article 61: Peer jurisdictions	Ingingo ya 61: Ubutabera butangwa n'abo muhuje umwuga	Article 61 : Justice par les pairs
Article 62: Mediation	Ingingo ya 62: Kunga abafitanye amakimbirane	Article 62 : Médiation
<b>CHAPTER EIGHT: FINAL PROVISIONS</b>	<b>UMUTWE WA 8: INGINGO ZISOZA</b>	<b>CHAPITRE HUIT: DISPOSITIONS FINALES</b>
Article 63: Introducing Internal Code of Conducts	Ingingo ya 63: Gushyiraho amabwiriza agenga imyitwariremu kigo	Article 63 : Introduction d'un code de conduite interne
Article 64: Special guidelines	Ingingo ya 64: Amabwiriza yihariye	Article 64 : Lignes directrices spéciales

Article 65: Interpretation and implementation of Code of ethics	Ingingo ya 65: Gusobanura no gushyira mu bikorwa indangamyitwarire	Article 65 : Interprétation et mise en œuvre du code d'éthique
Article 66: Amendments	Ingingo ya 66: Kuvugurura iyi ndangamyitwarire	Article 66 : Modification
Article 67: Repealing provision	Ingingo ya 67: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mahame ndangamyitwarire abanziriza aya	Article 67 : Disposition abrogatoire

<p><b>PREAMBLE</b></p> <p>We, journalists and media practitioners in Rwanda;</p> <p>Convinced that the free flow of information constitutes the foundation of freedom, democracy and sustainable peace, development and security;</p> <p>Considering that freedoms of press, expression and access to information are provided for and enshrined in the Constitution of the Republic of Rwanda of June 2003 as reviewed in 2015;</p> <p>Drawing on the Universal Declaration of Human Rights (UDHR) and International Covenant on Civil and Political Rights (ICCPR) and other International and Regional Instruments ratified by the Government of Rwanda;</p> <p>Considering the Law No 02/2013 of 08/02/2013 Regulating Media in Rwanda;</p> <p>Considering that the credibility of news and information depends on the highest ethical standards in the gathering,</p>	<p><b>INTANGIRIRO</b></p> <p>Twebwe Abanyamakuru n’abandi bakora umwuga w’itangazamakuru bo mu Rwanda,</p> <p>Twemera tudashigikanya ko gusakaza no kumenya amakuru ari umusingi w’ubwisanzure, demokarasi n’amahoro arambye, iterambere n’umutekano;</p> <p>Tumaze kubona ko ubwisanzure bw’itangazamakuru, kuvuga ibyo utekereza no kubona amakuru biteganywa n’Itegeko Nshinga rya Repubulike y’u Rwanda ryo muri Kamena 2003 ryavuguruwe muri 2015;</p> <p>Dushingiye ku masezerano mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu n’amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by’imbenezamubano no mu bya politiki n’andi masezerano mpuzamahanga n’ayo mu karere Leta y’u Rwanda yashyizeho umukono;</p> <p>Dushingiye ku itegeko No 02/2013 ryo ku wa 08/02/2013 rigenga itangazamakuru mu Rwanda;</p> <p>Dushingiye ko kugira ngo amakuru agirirwe icyizere biterwa n’imyitwarire izira amakemwa igomba kugaragara mu kuyatara; kuyavuga no kuyatangaza mu bitangazamakuru;</p>	<p><b>PRÉAMBULE</b></p> <p>Nous, journalistes et autres professionnels des médias au Rwanda;</p> <p>Convaincus que la libre circulation de l'information constitue le fondement de la liberté, de la démocratie et de la paix durable, du développement et de la sécurité;</p> <p>Considérant que les libertés de presse, d'expression et d'accès à l'information sont prévues et consacrées par la Constitution de la République du Rwanda de juin 2003 telle que révisée en 2015;</p> <p>Considérant la Déclaration universelle des droits de l'homme (DUDH) et le Pacte international relatif aux droits civils et politiques (PIDCP) et d'autres instruments internationaux et régionaux ratifiés par le Gouvernement du Rwanda ;</p> <p>Vu la loi n° 02/2013 du 08/02/2013 régissant les médias au Rwanda ;</p> <p>Vu que la crédibilité des nouvelles et des informations dépend des normes éthiques les plus élevées dans la collecte,</p>
--	---	---

<p>presentation and circulation of media content;</p> <p>Considering that every journalist/ media practitioner and media organs should always have a healthy regard for the public interest;</p> <p>Convinced that media self-regulation is enriched by public participation in the regulatory process of the media, to enhance highest standards of professional conduct and ethical service in informing, educating and entertaining the public.</p> <p>Considering the Rwanda journalists and media practitioners code of deontology and ethics amended in April 2014;</p> <p>Recognizing the mandate placed upon RMC since its creation on the 27<sup>th</sup> November 2013 as the solely constituted media self-regulatory body to interpret and implement this code on behalf of the media fraternity and public.</p>	<p>Tuzirikana ko buri munyamakuru, umuntu wese ukora umwuga w’itangazamakuru n’ibigo by’itangazamakuru bagomba buri gihe gukora umwuga wabo bazirikana inyungu z’abaturage;</p> <p>Dushingiye ko kwigenzura kw’itangazamakuru bitera imbere iyo abaturage bagize uruhare mu kugenzura kw’itangazamakuru, bagashyira imbaraga mu mu mahame ndangamyitwarire mu kugeza amakuru ku baturage, kubahugura no kubasusurutsa.</p> <p>Dushingiye ku amahame ngengamyitwarire y’umwuga w’itangazamakuru mu Rwanda yavuguruwe muri Mata 2014;</p> <p>Dushingiye ku nshingano zahawe Rwanda Media Commission nk’urwego rukumbi rw’abanyamakuru bigenzura rukaba rushinzwe gusobanura no gushyira mu bikorwa imyitwarire ngengamwuga mu izina ry’abahuriye mu mwuga w’itangazamakuru n’abaturage.</p>	<p>la présentation et la circulation dans les médias ;</p> <p>Considérant que tout journaliste, professionnel des médias et tout organe de presse devrait toujours avoir une saine considération pour l'intérêt public;</p> <p>Convaincus que l'autorégulation des médias est enrichie par la participation du public au processus de régulation des médias, afin de renforcer les normes les plus élevées de conduite professionnelle et de service éthique dans l'information, l'éducation et le divertissement du public.</p> <p>Considérant le code d'éthique et de déontologie des journalistes et professionnel des médias du Rwanda tel qu'amendé en avril 2014;</p> <p>Reconnaissant le mandat confié à RMC depuis sa création le 27 novembre 2013 en tant qu'unique organe d'autorégulation des médias constitué pour interpréter et mettre en œuvre ce code au nom de la fraternité des médias et du public.</p>
--	---	--

<p>This code of ethics is the cornerstone of the system of media self-regulation to which the industry is committed too and it encompasses the new media trends brought about by the digital revolution.</p>	<p>Amahame ngengamyitwarire ni inkingi y'imikorere ifasha abanyamakuru kwigenzura kandi ni na cyo biyemeje kandi akaba areba ubwoko bushya bw'ibinyamakuru biri kuri murandasi.</p>	<p>Ce code d'éthique est la pierre angulaire du système d'autorégulation des médias auquel le secteur s'est engagé et il englobe les nouvelles tendances médiatiques engendrées par la révolution numérique.</p>
<p><b>CHAPTER ONE: PRELIMINARY PROVISIONS</b></p> <p><b>Article 1: Purpose and scope of the code of ethics</b></p> <p>This code of ethics for journalists and media practitioners shall be applied to all journalists, media practitioners and media organs involved in the activities of gathering, processing and disseminating media content for print, broadcast and digital media platforms in the interest of the public.</p>	<p><b>UMUTWE WA MBERE: INGINGO Z'IBANZE</b></p> <p><b>Ingingo ya 1: Icyo aya mahame ngengamyitwarire igamije n'abo areba</b></p> <p>Amahame ngengamyitwarire y'abanyamakuru n'abakora umwuga w'itangazamakuru areba abanyamakuru, abakora uwo mwuga bose n'ibitangazamakuru bikora akazi ko gutara amakuru, kuyategura no kuyatangaza mu itangazamakuru ryanditse, irikoresha amajwi n'amashusho cyangwa irikoresha murandasi hagamijwe inyungu za rubanda.</p>	<p><b>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS PRÉLIMINAIRES</b></p> <p><b>Article 1: Objet et champ d'application du code d'éthique</b></p> <p>Le code de déontologie des journalistes et professionnels des médias s'applique à tous les journalistes, professionnels des médias et organes de média impliqués dans les activités de collecte, de traitement et de publication pour la presse écrite, audiovisuelle ou numérique dans l'intérêt du public.</p>

<p><b>Article 2: Journalists and media practitioners</b></p> <p>A journalist or a media practitioner means any person who holds a qualification in journalism and mass communication from a recognized institution of higher learning or/and, other qualifications in other fields of study but with basic skills in media ethics. He/she must be habitually engaged in media related services and earns a living from the practice of media services.</p> <p>Under this code, journalists and media practitioners shall include occupational journalistic works such as a chief editor, editor, member of editorial board, reporters, news anchor, correspondent, columnist, analyst, freelancer, photojournalist, press-cameraperson, cartoonist, program manager, program producer, director, presenter or host,</p>	<p><b>Ingingo ya 2: Abanyamakuru n'Abakora umwuga w'itangazamakuru</b></p> <p>Umunyamakuru n'Ukora umwuga w'itangazamakuru ni umuntu wese ufite impamyabumenyi mu itangazamakuru n'itumanaho yakuye muri Kaminuza/Ishuri rikuru cyangwa akaba afite impamyabumenyi mu bindi ariko afite ubumenyi bw'ibanze ku mahame agenga itangazamakuru. Agomba kuba akora mu bijyanye n'itangazamakuru kandi akaba atunzwe no gutanga serivisi z'itangazamakuru. Aya mahame ngengamyitwarire kandi areba abanyamakuru n'abakora ibijyanye byose n'itangazamakuru nko kuba umwanditsi mukuru, umwanditsi, umwe mu bagize akanama k'abanditsi, umunyamakuru, usoma amakuru, uhagarariye igitangazamakuru, ukora inkuru z'ibitekerezo, umusesenguzi, umunyamakuru wikorera, umunyamakuru ufotora, umunyamakuru ufata amashusho, ukora inkuru zishushanyije, umugenzuzi wa gahunda, ukora ibiganiro, umuyobozi w'ikinyamakuru, usoma amakuru yatambutse mu bindi binyamakuru</p>	<p><b>Article 2: Journalistes et professionnels des médias</b></p> <p>Un journaliste et un professionnel des médias désignent toute personne titulaire d'un diplôme en journalisme et en communication de masse délivré par un établissement d'enseignement supérieur reconnu et/ou d'autres qualifications dans d'autres domaines d'études, mais possédant des compétences de base en matière d'éthique des médias. Il/elle doit être habituellement engagé (e) dans des services liés aux médias et gagner sa vie par la pratique de ces services.</p> <p>Dans le cadre du présent code, les journalistes et professionnels des médias comprennent les professions journalistiques telles que rédacteur en chef, éditeur, membre du comité de rédaction, reporters, présentateur, correspondant, chroniqueur, analyste, pigiste, photojournaliste, cameraman de presse, caricaturiste,</p>
---	--	--



<p>layout-designer or/and any person engaged in the collection, research, investigation, production, editing, dissemination and commentary of information content through media for public consumption.</p>	<p>cyangwa uyobora ibiganiro, utunganya amashusho n'inyandiko, cyangwa undi wese ukora ibijyanye no gutara amakuru, gukora ubushakashatsi ku nkuru, gukora inkuru zicukumbuye, gutunganya amajwi cyangwa amashusho, guha umurongo inkuru, gutangaza inkuru no kugira icyo avuga ku nkuru yasohotse, ibyo byose bikagera ku baturage binyuze mu bitangazamakuru.</p>	<p>chef de programme, producteur de programme, directeur de publication, présentateur ou animateur, maquettiste ou/et toute personne engagée dans la collecte, la recherche, l'investigation, la production, l'édition, la diffusion et le commentaire de contenu d'information à travers les médias pour la consommation publique.</p>
---	---	---

<p><b>Article 3: Professional standards</b></p> <p>Editors and Program managers are custodians of ethical and professional service of media organs operating in print, broadcast and online media platforms. Every media organ operating in Rwanda and serving the public interest is obliged to have a certified editor and/or program manager.</p> <p>The RMC shall determine the certification process in consultation with media stakeholders and issue certificates accordingly to editors and program managers employed by media organs licenced to operate in Rwanda.</p>	<p><b>Ingingo ya 3: Ubuziranenge bw’umwuga</b></p> <p>Abandisi bakuru n’abayobozi ba gahunda nibo barinzi b’amahame no gukora kinyamwuga mu bitangazamakuru yaba ibyandika, ibikoresha amajwi n’amashusho nibikorera kuri murandasi. Buri gitangazamakuru gikorera mu Rwanda kandi gikorera inyungu rusange kigomba kuba gifite umwandisi mukuru cyangwa umuyobozi wa gahunda wemejwe.</p> <p>RMC izashiraho uburyo bwo kubemeza imaze kugisha inama abafatanyabikorwa mw’itangazamakuru kandi itange ibyemezo by’abandisi bakuru n’abayobozi ba gahunda bakorera ibitangazamakuru byemewe gukorera mu Rwanda.</p>	<p><b>Article 3: Normes professionnelles</b></p> <p>Les éditeurs et les responsables de programmes sont les gardiens de l'éthique et du professionnalisme des organes de presse opérant sur les plateformes de presse écrite, audiovisuelle et en ligne. Chaque organe de presse opérant au Rwanda et servant l'intérêt public est obligé d'avoir un rédacteur en chef et/ou un directeur de programme certifié.</p> <p>RMC déterminera le processus de certification en consultation avec les parties prenantes des médias et délivrera des certificats en conséquence aux éditeurs et aux responsables de programmes employés par les organes de presse autorisés à opérer au Rwanda.</p>
--	--	---

<p><b>Article 4: Accreditation of journalists and media practitioners</b></p> <p>Any person who wishes to engage in the practice of media services in Rwanda must be accredited by Rwanda Media Commission (RMC). Accreditation shall be only granted to an individual and not a media organ.</p> <p>Every media organ is obliged to employ accredited journalists and media practitioners and this shall be a condition for its licence approval and registration process. The guidelines governing the accreditation of journalists and media practitioners in Rwanda shall be established by RMC.</p>	<p><b>Ingingo ya 4: Gutanga uruhushya ku banyamakuru n’abakora umwuga w’itangazamakuru</b></p> <p>Umuntu wese wifuza gukora umwuga w’itangazamakuru mu Rwanda agomba guhabwa uburenganzira na Rwanda Media Commission (RMC). Ubwo burenganzira buhabwa umuntu ku giti cye ntibuhabwa igitangazamakuru.</p> <p>Buri gitangazamakuru kigomba gukoresha abanyamakuru bafite ibyangombwa kandi iyi izaba imwe mubisabwa gukirango igitangazamakuru cyandikwe kinahabwe ibyangombwa.</p> <p>Amabwiriza areba imitangire y’uruhushya rwemerera umuntu gukora umwuga w’itangazamakuru ashwirwaho na RMC.</p>	<p><b>Article 4: Accréditation des journalistes et professionnels des médias</b></p> <p>Toute personne qui souhaite s'engager dans la pratique des services de médias au Rwanda doit être accréditée par RMC. L'accréditation n'est accordée qu'à un individu et non à un organe de presse.</p> <p>Chaque organe de presse est tenu d'employer des journalistes et des professionnels des médias accrédités, ce qui constitue une condition pour l'approbation de sa licence et le processus d'enregistrement.</p> <p>Les lignes directrices régissant l'accréditation des journalistes et des professionnels des médias au Rwanda seront établies par RMC.</p>
--	---	---

<p><b>Article 5: Administration of the code of ethics</b></p> <p>This code of ethics is a tool for media self-regulation. All journalists, media practitioners and media organs are bound to observe it. It will serve as a tool in handling media and public complaints. RMC is mandated to effectively administer this code of ethics in the interest of the public and media fraternity.</p>	<p><b>Ingingo ya 5: Iyubahirizwa ry'amahame ngengamyitwarire</b></p> <p>Aya mahame ngengamyitwarire agamije gufasha itangazamakuru kwigenzura. Abakora umwuga w'itangazamakuru bose, n'ibitangazamakuru bagomba kuyubahiriza. Izakoreshwa mu gushakira ibisubizo ibirego by'itangazamakuru na abaturage. RMC ni yo ifite inshingano zo gukurikirana iyubahirizwa ry'aya mahame ngengamyitwarire bazirikana inyungu za rubanda.</p>	<p><b>Article 5: Administration du code d'éthique</b></p> <p>Le présent code d'éthique est un outil d'autorégulation des médias. Tous les journalistes, professionnels des médias et organes de presse sont tenus de le respecter. Il servira d'outil pour traiter les plaintes des médias et du public. RMC est mandatée pour administrer efficacement ce code d'éthique dans l'intérêt du public et de la communauté des médias.</p>
---	--	--

<b>Article 6: Respect for public interest</b>	<b>Ingingo ya 6: Kubahiriza inyungu rusange</b>	<b>Article 6: Respect de l'intérêt public</b>
<p>The public interest includes, but is not confined to:</p>	<p>Kubahiriza inyungu rusange zikubiyemo bimwe muri ibi bikurikira:</p>	<p>L'intérêt public comprend, mais ne se limite pas à :</p>
<ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Detecting or exposing crime, or the threat of crime, or serious impropriety;</li> <li>(ii) Protecting public health or safety;</li> <li>(iii) Protecting the public from being misled by an action or statement of an individual or organization;</li> <li>(iv) Disclosing a person or organisation's failure or likely failure to comply with any obligation to which they are subject;</li> <li>(v) Disclosing a miscarriage of justice;</li> <li>(vi) Raising or contributing to a matter of public debate,</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Gutahura cyangwa gushyira ahagaragara icyaha, cyangwa kugaragaza ibikangisho by'icyaha cyangwa kugaragaza imyitwarire idakwiye</li> <li>(ii) Kurengera ubuzima n'umudendezo wa rubanda;</li> <li>(iii) Kurinda abaturage icyabayobya cyose byaba mu bikorwa cyangwa amagambo by'umuntu ku giti cye cyangwa ishyirahamwe;</li> <li>(iv) Kugaragaza ko umuntu cyangwa Ikigo/ishyirahamwe batubahiriza cyangwa bashobora kuba batubahiriza inshingano zabo;</li> <li>(v) Kugaragaza amakosa akorwa mu butabera;</li> <li>(vi) Kugaragaza cyangwa kugira uruhare mu kugaragaza ikibazo kiri kuvugwa muri rubanda, harimo imyitwarire</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(i) La détection ou la révélation d'un crime, d'une menace de crime ou d'une irrégularité grave ;</li> <li>(ii) La protection de la santé ou de la sécurité publique ;</li> <li>(iii) la protection du public contre la tromperie par une action ou une déclaration d'un individu ou d'une organisation ;</li> <li>(iv) divulguer le manquement ou le manquement probable d'une personne ou d'une organisation à toute obligation à laquelle elle est soumise ;</li> <li>(v) Révéler une erreur judiciaire ;</li> <li>(vi) soulever ou contribuer à une question de débat public, y compris des cas graves d'irrégularité, de conduite contraire à l'éthique ou d'incompétence concernant le public ;</li> </ul>

<p>including serious cases of impropriety, unethical conduct or incompetence concerning the public;</p> <p>(vii) Disclosing concealment, or likely concealment, of any of the above.</p> <p>Editors invoking the public interest will need to demonstrate that they reasonably believed that they are serving a public interest and explain how they reached that decision at the time.</p> <p>An exceptional public interest would need to be demonstrated to over-ride the normally paramount interests of children under 18 and other vulnerable people.</p>	<p>idakwiye, imyitwarire idahwitse cyangwa kugaragaza ubushobozi buke imbere y’abaturage;</p> <p>(vii) Kugaragaza imyitwarire mibi twavuze haruguru bahishe cyangwa bashobora guhisha.</p> <p>Abanditsi bakuru b’ibitangazamakuru bagomba kugaragaza ko bari bazi neza ko ibyakozwe byari mu nyungu rusange za rubanda kandi bagasobanura uko bageze kuri icyo cyemezo icyo gihe. Inyungu zidasanzwe z’abaturage zigomba kugaragazwa kugira ngo zirengere inyungu zisanzwe ariko zikomeye z’abana bari muni y’imyaka 18 n’abandi banyanteye nke.</p>	<p>(vii) divulguer la dissimulation, ou la dissimulation probable, de l'un des éléments ci-dessus.</p> <p>Les éditeurs qui invoquent l'intérêt public devront démontrer qu'ils croyaient raisonnablement qu'ils servaient un intérêt public et expliquer comment ils sont arrivés à cette décision à l'époque.</p> <p>Un intérêt public exceptionnel devra être démontré pour passer outre les intérêts normalement primordiaux des enfants de moins de 18 ans et des autres personnes vulnérables.</p>
---	--	---

<p><b>CHAPTER TWO: JOURNALISTS, MEDIA PRACTITIONERS AND MEDIA ORGANS' OBLIGATIONS</b></p> <p><b>Article 7: Defense of universal values</b>  A journalist/ media practitioner shall defend and promote the universal human values of peace, tolerance, democracy, human rights, social progress and national cohesion respectful of every person in accordance with the national and international Human Rights principles.</p>	<p><b>UMUTWE WA 2: INSHINGANO Z'ABANYAMAKURU, ABAKORA UMWUGA W'ITANGAZAMAKURU N'IZ'IBITANGAZAMAKURU</b></p> <p><b>Ingingo ya 7: Kurengera indangagaciro mpuzamahanga</b></p> <p>Umunyamakuru cyangwa Ukora umwuga w'itangazamakuru agomba kurengera no guteza imbere indangagaciro z'ikiremwanuntu ku isi hose zigamije amahoro, ubworoherane, demokarasi, uburenganzira bwa muntu, iterambere rigamije imibereho, no gushyira hamwe birangwa no kubaha umuntu wese kandi bigendera ku mahame mpuzamahanga n'ay'igihugu ashimangira uburenganzira bwa muntu.</p>	<p><b>CHAPITRE II : OBLIGATIONS DES JOURNALISTES, PROFESSIONNELS DES MÉDIAS ET DES ORGANES DE PRESSE</b></p> <p><b>Article 7: Défense des valeurs universelles</b></p> <p>Le journaliste/ professionnels des médias doit défendre et promouvoir les valeurs humaines universelles de paix, de tolérance, de démocratie, de droits de l'homme, de progrès social et de cohésion nationale, respectueuses de toute personne, conformément aux principes nationaux et internationaux des Droits de l'Homme.</p>
--	--	--

<p><b>Article 8: Honesty and search for truth</b></p> <p>A journalist/ media practitioner shall abhor lies. He/she have the obligation to respect facts and search for truth, keeping in mind the public interest and human rights to true information. In no way shall he/she suppress essential information or distort any kind of remarks, texts and documents.</p> <p>He/she shall consider slander, abuse, libel, defamation and groundless accusations against individuals, groups of individuals, businesses, associations, organizations and nations as the most dangerous professional misconduct.</p>	<p><b>Ingingo ya 8: Kuba inyangamugayo no guharanira ukuri</b></p> <p>Umunyamakuru cyangwa Ukora umwuga w'itangazamakuru agomba kwirinda ibinyoma. Agomba gutangaza inkuru y'ukuri no gushakisha uko kuri, akazirikana inyungu rusange n'uburenganzira umuntu afitse bwo guhabwa amakuru y'impamo. Uko byagenda kose Ntakwiye kwirengagiza amakuru y'ingenzi cyangwa ngo ahindure amagambo yavuzwe, cyangwa inyandiko izo arizo zose.</p> <p>Agomba kumenya ko guharabika, gutukana, gusebanya no gushinja ibinyoma yaba abantu, amatsinda, amasosiyete y'ubucuruzi, amashyirahamwe, imiryango cyangwa ibihugu ari amakosa akomeye y'umwuga.</p>	<p><b>Article 8: Honnêteté et recherche de la vérité</b></p> <p>Le journaliste ou professionnel des médias doit avoir horreur des mensonges. Il/elle a l'obligation de respecter les faits et de rechercher la vérité, en gardant à l'esprit l'intérêt public et les droits de l'homme à une information vraie. Il ne doit en aucun cas supprimer des informations essentielles ou déformer des propos, textes et documents de toute nature.</p> <p>Il/elle doit considérer la calomnie, l'abus, la diffamation et les accusations sans fondement contre des individus, des groupes d'individus, des entreprises, des associations, des organisations et des nations comme la faute professionnelle la plus dangereuse.</p>
---	--	---



<p><b>Article 9: Social responsibility</b></p> <p>A journalist/ media practitioner is required to act for the interest of the public. He/she shall keep in mind his/her social responsibility to the public by broadcasting or publishing factual and accurate information. In case of any doubt regarding the accuracy of the information, the journalist/ media practitioner shall abstain or express necessary reservations in broadcasting and publishing the information.</p>	<p><b>Ingingo ya 9: Inshingano kuri rubanda</b></p> <p>Umunyamakuru cyangwa Ukora umwuga w’itangazamakuru agomba kuwukora agamije inyungu rusange. Agomba kuzirikana inshingano afite ku baturage zimusaba gutangaza amakuru afite gihamya. Igihe umuntu ukora umwuga w’itangazamakuru atizeye neza ko amakuru ari ukuri, agomba kwirinda kugira icyo atangaza cyangwa akagaragaza ko ayashidikanyaho igihe ayatangaza.</p>	<p><b>Article 9: Responsabilité sociale</b></p> <p>Le journaliste ou professionnel des médias est tenu d'agir dans l'intérêt du public. Il doit garder à l'esprit sa responsabilité sociale envers le public en diffusant ou en publiant des informations factuelles et exactes. En cas de doute sur l'exactitude de l'information, le professionnel des médias doit s'abstenir ou émettre les réserves nécessaires lors de la diffusion ou de la publication de l'information.</p>
--	---	---

<p><b>Article 10: Accuracy</b></p> <p>A journalist/ media practitioner has the responsibility to broadcast and publish content that is accurate for public consumption. He/she shall not indulge in unfair comment, falsification, distortion or misrepresentation of facts. The notion of urgency or immediacy in the dissemination of the information shall not take precedence over the verification of facts, sources and/or the offer of a reply. The journalist/ media practitioner shall do the utmost to rectify any errors or published information which is found to be inaccurate, misleading or distorted story in a timely, explicit, complete and transparent manner without waiting for a complaint to be raised first.</p>	<p><b>Ingingo ya 10: Inkuru nyayo</b></p> <p>Umunyamakuru cyangwa Ukora umwuga w’itangamakuru afite inshingano zo gutangariza abaturage inkuru ifite ukuri. Agomba kwirinda kuyitangaho ibitekerezo bibogamye, birimo ibinyoma, kuyigoreka cyangwa kubeshya ibyabaye. Kuba inkuru iba yihutirwa cyangwa igomba guhita itangazwa ntibigomba kubangamira isuzuma ry’uko ibiyikubiyemo ari nyabyo, kumenya aho yaturuse cyangwa kuyisubiza. Umunyamakuru cyangwa ukora umwuga w’itangamakuru agomba gukora ibishoboka byose kugira ngo akosore vuba, mu buryo busobanutse, bwuzuye kandi burimo umucyo, amakosa ayo ariyo yose cyangwa amakuru yatangajwe bigaragara ko atari ukuri, ashobora kuyobya abantu cyangwa yagoretswe badategereje ko hari ugaragaragaza ayo makosa.</p>	<p><b>Article 10: Exactitude</b></p> <p>Un journaliste ou un professionnel des médias a la responsabilité de diffuser et de publier des contenus exacts pour la consommation publique. Il ne doit pas se livrer à des commentaires déloyaux, à la falsification, à la déformation ou à la représentation erronée des faits. La notion d'urgence ou d'immédiateté dans la diffusion de l'information ne doit pas prendre le pas sur la vérification des faits, des sources et/ou l'offre d'une réponse. Le journaliste ou le professionnel des médias doit faire tout son possible pour rectifier les erreurs ou les informations publiées qui s'avèrent inexactes, trompeuses ou déformées, de manière opportune, explicite, complète et transparente, sans attendre qu'une plainte soit déposée au préalable.</p>
--	---	--

<p><b>Article 11: Fairness and balance</b></p> <p>A journalist/ media practitioner shall ensure that broadcasted or published information is fair and balanced.</p> <p>In the spirit of fairness and balance, the journalist/ media practitioner shall endeavour to seek and include comment from the affected individuals or institutions in the same story or as quickly as practicable.</p> <p>Fairness shall also include reporting facts in the proper context. Where the affected party declines to comment or where the media house genuinely tries but fails to extract a comment, such position shall be explained in the story published or broadcast.</p>	<p><b>Ingingo ya 11: Kutagira uwo ubogamiraho no guha ijambo buri ruhande</b></p> <p>Umunyamakuru cyangwa muntu ukora umwuga w’itangazamakuru agomba gutangaza inkuru itabogamye kandi iha ijambo impande zose ziri muri iyo nkuru.</p> <p>Muri uwo murongo wo kutagira uwo ubogamiraho no guha ijambo impande zose, umunyamakuru cyangwa ukora umwuga w’itangazamakuru agomba gukora ibishoboka byose agaha ijambo abantu cyangwa ibigo iyo nkuru ireba kugira ngo bagire icyo bayivugaho kandi bigatangazwa muri iyo nkuru cyangwa ikindi gihe bidatinze.</p> <p>Kutagira uwo ubogamiraho bikubiyemo gutangaza inkuru ivuga ibyabaye mu buryo bukwiye. Iyo hari uruhande rurebwa n’inkuru rwanze kugira icyo rutangaza cyangwa ikinyamakuru kikagerageza kubimusaba akanga kugira icyo atangaza, icyo gihe ukora umwuga w’itangazamakuru abisobanura mu nkuru yanditse cyangwa yatangaje.</p>	<p><b>Article 11: Équité et équilibre</b></p> <p>Le journaliste ou le professionnel des médias doit veiller à ce que les informations diffusées ou publiées soient justes et équilibrées.</p> <p>Dans un esprit d'équité et d'équilibre, le professionnel des médias s'efforcera de rechercher et d'inclure les commentaires des personnes ou institutions concernées dans le même article ou aussi rapidement que possible.</p> <p>L'équité consiste également à rapporter les faits dans le contexte approprié. Lorsque la partie concernée refuse de faire des commentaires ou lorsque le média tente sincèrement d'obtenir un commentaire mais n'y parvient pas, cette position doit être expliquée dans l'article publié ou diffusé.</p>
--	---	---

<p>A journalist/ media practitioner shall endeavour to thoroughly investigate allegations affecting individuals and institutions before disseminating them.</p>	<p>Ukora umwuga w'itangazamakuru agomba gushakisha ukuri ku birego biregwa abantu cyangwa ibigo mbere yo kugira icyo atangaza.</p>	<p>Un journaliste/professionnel des médias doit s'efforcer d'enquêter de manière approfondie sur les allégations concernant des individus et des institutions avant de les diffuser.</p>
---	--	--

<p><b>Article 12: Independence</b></p> <p>A journalist/ media practitioner shall withstand any external or internal pressure aiming at having him/her modify or distort information.</p> <p>A journalist/ media practitioner shall gather and report news without fear or favour, and resist undue influence including advertisers, sources, story subjects, powerful individuals and special groups.</p> <p>He/she shall determine news content solely through editorial judgement and resist any self-interest or peer pressure.</p> <p>The journalist / media practitioner shall refrain from acting as an auxiliary of any third party to avoid conflicting interest and preserve objectivity.</p>	<p><b>Ingingo ya 12: Ukwigenga k’umunyamakuru</b></p> <p>Umuntu ukora umwuga w’itangazamakuru agomba guhangana n’igitutu gituretse k’uwo bakorana cyangwa hanze kimuhatira guhindura inkuru cyangwa kuyigoreka.</p> <p>Umuntu ukora umwuga w’itangazamakuru agomba gutara no gutangaza amakuru nta we atinye cyangwa ngo agire uwo atonesha kandi akirinda gutwarwa n’abamukurura nk’abamamaza, aho yakuye inkuru, abari mu nkuru n’abantu bafite ububasha ndetse n’amatsinda adasanzwe.</p> <p>Agomba guha umurongo w’inkuru ari bukore amaze kubishungura mu nama itegura inkuru kandi akirinda kugendera ku nyungu ze bwite ndetse n’igitutu cy’urungano.</p> <p>Umuntu ukora umwuga w’itangazamakuru agomba kwirinda gukorera mu kwaha k’ubuyobozi cyangwa izindi nzego kugira ngo yirinde inyungu zigongana no kubogama.</p>	<p><b>Article 12 : Indépendance</b></p> <p>Un journaliste ou professionnel des médias doit résister à toute pression externe ou interne visant à lui faire modifier ou déformer l'information.</p> <p>Un journaliste ou professionnel des médias doit recueillir et rapporter les informations sans crainte ni faveur, et résister aux influences injustifiées, y compris celles des annonceurs, des sources, des sujets d'articles, des individus puissants et des groupes spéciaux.</p> <p>Il doit déterminer le contenu des informations en se basant uniquement sur un jugement éditorial et résister à tout intérêt personnel ou à la pression des pairs.</p> <p>Le journaliste/professionnel des médias s'abstient d'agir en tant qu'auxiliaire d'un tiers pour éviter tout conflit d'intérêt et préserver l'objectivité.</p>
--	---	---

<p><b>Article 37: Notice and take-down procedures</b></p> <p>Editors or website operators should adopt effective mechanisms for reviewing public complaints or reports about material that may be unlawful or in violation of code of ethics. Complainants should receive confirmation that their notices are being considered.</p> <p>As a rule, editors or operators should take action on complaints as soon as possible and no later than within 48 hours. Exceptionally, this time line may be extended in cases that are especially complex from a legal or ethical perspective.</p> <p>Editors should treat anonymous third-party content with particular care.</p>	<p><b>Ingingo ya 37: Uburyo bwo kumenyekanisha no gukuraho</b></p> <p>Abanditsi bakuru cyangwa abakoresha urubuga bagomba gukoresha uburyo bunozwe bwo gusuzuma ibibazo rusange cyangwa raporo zivugaga ku bintu bishobora kuba bitubahirije amategeko cyangwa amahame ngengamyitwarire. Abatanze ibirego bagomba kubona ubutumwa bwemeza ko ibyatangajwe biri gukurikinwa. Nka ihame, abanditsi bakuru cyangwa abakoresha imbuga bagomba gufata ibyemezo byihuse ku bibazo kandi bitarenze amasaha 48.</p> <p>Ku buryo budasanzwe, icyo gihe gishobora kongerwa mu bihe bikomeye cyane hashingiwe ku mategeko n’imyitwarire myiza.</p> <p>Abanditsi bakuru bagomba kwitondera cyane inkuru cyangwa ibitekerezo by’abantu batazwi.</p>	<p><b>Article 37: Procédures de notification et de retrait</b></p> <p>Les rédacteurs en chef ou les exploitants de sites web doivent adopter des mécanismes efficaces pour examiner les plaintes ou les rapports du public concernant des contenus susceptibles d’être illégaux ou de violer le code d’éthique. Les plaignants doivent recevoir la confirmation que leurs avis sont pris en compte. En règle générale, les rédacteurs ou les opérateurs doivent donner suite aux plaintes dès que possible et au plus tard dans les 48 heures.</p> <p>Exceptionnellement, ce délai peut être prolongé dans les cas particulièrement complexes d’un point de vue juridique ou éthique.</p> <p>Les éditeurs doivent traiter les contenus anonymes de tiers avec une attention particulière</p>
--	--	--

<p><b>Article 38: Usage of social media photographs and video</b></p> <p>Photographs and video taken from social media should be carefully scrutinized and verified to establish their authenticity.</p> <p>The facility of obtaining images from social networks or personal pages does not exempt media from their duty of care.</p> <p>The public interest in publication of such information should be weighed against privacy rights and protection of minors. The publication of images on social media should not lead to an assumption of consent of the original source for republication in other platforms or by journalists/ media practitioners.</p> <p>Journalists/ media practitioners should always be alert to the dangers of publishing images showing unlawful or anti-social behavior. Media should exercise caution to ensure that they do</p>	<p><b>Ingingo ya 38: Gukoresha amafoto n’amashusho avuye ku mbuga nkoranyambaga</b></p> <p>Amafoto n’amashusho akuwe ku mbuga nkoranyambaga agomba gusuzumwa cyane bakareba ko ari ay’umwimerere.</p> <p>Kuba byoroshye kubona amashusho ku mbuga nkoranyambaga cyangwa ku rubuga rw’umuntu ku giti cye ntibisobanuye ko igitangamakuru kitagomba kwitwararika. Kuba inkuru itangazwa ku nyungu rusange bigomba gushyirwa ku munzani ntibibangamire ubuzima bwite bw’umuntu no kurengera abana batarageza imyaka y’ubukure.</p> <p>Gutangaza amashusho avuye ku mbuga nkoranyambaga ntibivuga ko wabikora wirengagije ko ugomba kubihirwa uruhushya kugira ngo atangazwe ku zindi mbuga nkoranyambaga cyangwa atangazwe n’abakora umwuga w’itangamakuru. Abakora umwuga w’itangamakuru bagomba buri gihe kwitondera ingorane zishobora gukururwa n’uko amashusho yatangajwe yerekana imyifatire itemewe mu mategeko cyangwa itajyana n’umuco. Ibitangamakuru bigomba kwitonda kugira ngo</p>	<p><b>Article 38: Utilisation des photographies et des vidéos issues des médias sociaux</b></p> <p>Les photographies et les vidéos tirées des médias sociaux doivent être soigneusement examinées et vérifiées pour établir leur authenticité.</p> <p>La possibilité d'obtenir des images à partir de réseaux sociaux ou de pages personnelles ne dispense pas les médias de leur devoir de vigilance. L'intérêt public de la publication de ces informations doit être mis en balance avec le droit à la vie privée et la protection des mineurs.</p> <p>La publication d'images sur les médias sociaux ne doit pas laisser supposer que la source originale a consenti à leur republication sur d'autres plateformes ou par le professionnel des médias.</p> <p>Les journalistes/professionnels des médias doivent toujours être attentifs aux dangers de la publication d'images montrant des comportements illégaux ou</p>
---	--	--

<p>not become a vehicle for the promotion or justification of unlawful in general.</p>	<p>bidahinduka umuyoboro w'ahatangarizwa ibintu bitemewe cyangwa bidasobanutse</p>	<p>antisociaux. Les médias doivent faire preuve de prudence afin de ne pas devenir un véhicule pour la promotion ou la justification de l'illégalité en général.</p>
--	--	--



<p><b>CHAPTER FOUR: RIGHTS OF JOURNALIST/ MEDIA PRACTITIONERS</b></p> <p><b>Article 39: Free access to sources</b></p> <p>As provided for by the Access to Information Law, the journalist/ media practitioner in the exercise of his/her profession, shall have access to all sources of information, and shall have the right to freely carry out investigation into the facts conditioning public life.</p>	<p><b>UMUTWE WA KANE: UBURENGANZIRA BW’ABAKORA UMWUGA W’ITANGAZAMAKURU</b></p> <p><b>Ingingo ya 39: Uburenganzira bwo kugera ku makuru</b></p> <p>Nk’uko biteganywa n’itegeko rigenga uburyo bwo guhabwa amakuru, umunyamakuru n’ukora umwuga w’itangazamakuru uri mu kazi, agomba guhabwa amakuru yose kandi afite uburenganzira bwo gucukumbura mu bwisanzure ku makuru ajyanye n’ubuzima rusange.</p>	<p><b>CHAPITRE QUATRE: DROITS DES JOURNALISTES/ PROFESSIONNELS DES MÉDIAS</b></p> <p><b>Article 39: Libre accès aux sources</b></p> <p>Comme le prévoit la loi sur l'accès à l'information, le journaliste/professionnel des médias, dans l'exercice de sa profession, doit avoir accès à toutes les sources d'information, et doit avoir le droit de mener librement des enquêtes sur les faits conditionnant la vie publique.</p>
<p><b>Article 40: Subordination refusal</b></p> <p>A journalist/ media practitioner has the right to refuse any subordination contrary to the media organ’s editorial line.</p>	<p><b>Ingingo ya 40: Kwanga amabwiriza anyuranye n’umurongo w’igitangazamakuru</b></p> <p>Umuntu ukora umwuga w’itangazamakuru afite uburenganzira bwo kwanga amabwiriza ayo ariyo yose anyuranye n’umurongo igitangazamakuru akorera kigenderaho.</p>	<p><b>Article 40: Refus de subordination</b></p> <p>Un journaliste/professionnel des médias a le droit de refuser toute subordination contraire à la ligne éditoriale de l'organe de presse.</p>

<p><b>Article 41: Conscience provision</b>  Journalists/ media practitioners, in the exercise of their profession, may invoke the conscience provision. They may refuse to write or read political comments and editorials in contradiction with the rules of professional ethics, or to censor articles, radio, television and electronic works, or any other mass broadcasting aid from their peers, on grounds other than professional ones.  The refusal shall not be ground of employment loss through firing and if this happens, peers shall show solidarity and strongly denounce the act.</p>	<p><b>Ingingo ya 41: Gukurikiza umutimanama</b>  Mu kazi kabo, abakora umwuga w’itangazamakuru bashobora kwishingikiriza ingingo yerekeye gukurikiza umutimanama. Bashobora kwanga kwandika cyangwa gusoma ibisobanuro cyangwa inyandiko zerekana umurongo wa politiki w’ikinyamakuru mu gihe binyuranye n’amategeko agenga umwuga; cyangwa kwanga kugenzura inyandiko, ibiganiro binyura kuri radiyo, televiziyo, cyangwa bishyirwa kuri internet, cyangwa kwanga gufasha bagenzi be gutangariza hamwe inyandiko iyi n’iyi mu gihe byaba bishingiye ku mpamvu zivuguruzanya n’amabwiriza agenga umwuga.  Uku kwanga gukora ibi ntibishobora gutuma umunyamakuru yirukanwa, kandi biramutse bibaye, abakora umwuga w’itangazamakuru bifatanyana nawe kwamagana ako karengane.</p>	<p><b>Article 41: Provision de conscience</b>  Les journalistes/ professionnels des médias, dans l'exercice de leur profession, peuvent invoquer la clause de conscience. Ils peuvent refuser d'écrire ou de lire des commentaires politiques et des éditoriaux en contradiction avec les règles de l'éthique professionnelle, ou de censurer des articles, des œuvres radiophoniques, télévisuelles et électroniques, ou toute autre aide à la diffusion de masse de leurs pairs, pour des motifs autres que professionnels.  Le refus ne doit pas être un motif de perte d'emploi par licenciement et si cela se produit, les pairs doivent faire preuve de solidarité et dénoncer fermement l'acte.</p>
--	---	--

<p><b>Article 42: Journalist/ media practitioner's protection</b></p> <p>Considering the particularity of his/her profession, a journalist/ media practitioner is, all over the national territory, entitled to the security of their person and working materials, his/her legal protection and the respect of their dignity, without any condition or restriction.</p>	<p><b>Ingingo ya 42: Kurengera umuntu ukora umwuga w'itangazamakuru</b></p> <p>Hashingiwe ku mwuga we wihariye, umunyamakuru n'undi munyamwuga w'itangazamakuru, aho ari hose mu gihugu agomba kugira uburenganzira busesuye ku mutekano we uw'ibikoresho bye, ku kurengerwa n'amategeko no ku iyubahirizwa ry'agaciro ke nta mananiza nta n'ibibanje gusabwa.</p>	<p><b>Article 42: Protection du journaliste/professionnel des médias</b></p> <p>Compte tenu de la particularité de sa profession, un journaliste/ professionnel des médias a droit, sur tout le territoire national, à la sécurité de sa personne et de son matériel de travail, à sa protection juridique et au respect de sa dignité, sans condition ni restriction.</p>
<p><b>Article 43: Consultation obligation</b></p> <p>The editorial team shall compulsorily be informed about any important decision likely to have an impact on the life of the institution.</p> <p>It shall at least be consulted, before final decision is made, about any measure of interest to the editorial team: recruitment, dismissal, transfer and promotion of a journalist/ media practitioner.</p>	<p><b>Ingingo ya 43: Inshingano yo kugisha inama</b></p> <p>Abagize itsinda ry'ubwanditsi bagomba byanze bikunze kumenyeshwa icyemezo icyo aricyo cyose cy'ingenzi gishobora kugira ingaruka ku buzima bw'ikigo.</p> <p>Bagomba nibura kugishwa inama, mbere yo gufata icyemezo ntakuka, ku byerekeye umwanzuro ukora ku bagize itsinda ry'ubwanditsi: guha akazi umunyamakuru n'undi munyamwuga w'itangazamakuru, kumwirukana, kumwimurira ahandi no kumuzamura mu ntera.</p>	<p><b>Article 43: Obligation de consultation</b></p> <p>L'équipe de rédaction doit être obligatoirement informée de toute décision importante susceptible d'avoir un impact sur la vie de l'établissement.</p> <p>Elle doit être au moins consultée, avant la prise de décision finale, sur toute mesure intéressant la rédaction : recrutement, licenciement, mutation et promotion d'un professionnel des médias.</p>

<p><b>Article 44: Contract and remuneration</b> In view of his/her duties and responsibilities, a journalist/ media practitioner shall be entitled not only to collective bargain agreement but also to an individual contract ensuring him/her material and moral security as well as a remuneration proportional to his/her social role, which guarantees his/her economic independence.</p>	<p><b>Ingingo ya 44: Amasezerano n'igihembo</b> Kubera umurimo n'inshingano bye, buri munyamakuru n'undi munyamwuga w'itangamazamakuru afite uburenganzira ku byiza biteganywa n'amasezerano rusange no ku byo amasezerano yihariye y'akazi amuteganyiriza, umutekano w'akazi n'umutuzo n'uburenganzira ku gihembo gihwanye n'uruhare rwe mu mibereho y'abaturage kandi gituma yihaza mu bukungu.</p>	<p><b>Article 44: Contrat et rémunération</b> En raison de ses fonctions et de ses responsabilités, un journaliste/ professionnel des médias a droit non seulement à une convention collective de travail, mais aussi à un contrat individuel lui assurant la sécurité matérielle et morale ainsi qu'une rémunération proportionnelle à son rôle social, qui garantit son indépendance économique.</p>
<p><b>CHAPTER FIVE: DECENCY OF JOURNALIST/ MEDIA PRACTITIONER</b></p> <p><b>Article 45: Dressing</b> A journalist/ media practitioner on duty shall dress and comport himself or herself decently.</p>	<p><b>UMUTWE WA 5: UKO UMUNYAMAKURU CYANGWA UKORA UMWUGA W'ITANGAZAMAKURU AGOMBA KUGARAGARA</b></p> <p><b>Ingingo ya 45: Kwambara</b> Umuntu wese ukora umwuga w'itangamazamakuru agomba kwambara neza kandi akitwara neza ku buryo abantu batamwinubira.</p>	<p><b>CHAPITRE CINQ: DÉCENCE DU JOURNALISTE OU PROFESSIONNEL DES MÉDIAS</b></p> <p><b>Article 45: Tenue vestimentaire</b> Un journaliste/professionnel des médias doit s'habiller et se comporter d'une manière convenable.</p>

<p><b>Article 46: Language</b> A journalist/ media practitioner should refrain from using offensive, abusive or vulgar language in their daily activities. Media organs have a duty to promote the proper usage of language(s) in media content meant for public consumption.</p>	<p><b>Ingingo ya 46: Imvugo y’umuntu ukora umwuga w’itangazamakuru</b> Ukora umwuga w’itangazamakuru agomba kwirinda, mu bikorwa bye bya buri muni, gukoresha imvugo isesereza, itukana cyangwa imvugo nyandagazi. Ibitangazamakuru bifite inshingano yoguteza imbere ikoreshwa neza ry’indimi mu nkuru zigenewe abaturage.</p>	<p><b>Article 46: Langage</b> Le journaliste/professionnel des médias doit s'abstenir d'utiliser un langage offensant, abusif ou vulgaire dans ses activités quotidiennes. Les organes de presse ont le devoir de promouvoir le bon usage de la (des) langue (s) dans les contenus médiatiques destinés à la consommation publique.</p>
<p><b>Article 47: Misusing the press card and abuse of the profession</b> A journalist/ media practitioner with a press card shall not use his/her press card and position for his/her own personal gain. The contrary will result into disciplinary sanctions.</p>	<p><b>Ingingo ya 47: Gukoresha ikarita y’akazi mu buryo butari bwo no gusebya umwuga</b> Umunyakamuru n’undi ukora umwuga w’itangazamakuru ntagomba gukoresha ikarita ye y’umwuga cyangwa umwanya afite mu nyungu ze bwite. Kutabyubahiriza bizahanirwa.</p>	<p><b>Article 47: Utilisation abusive de la carte de presse et abus de la profession</b> Un journaliste/professionnel des médias titulaire d'une carte de presse ne doit pas utiliser sa carte de presse et sa position pour son profit personnel. Le contraire entraînera des sanctions disciplinaires.</p>

<p><b>Article 48: Undue pressure or influence</b></p> <p>Media owners, publishers and practitioners shall not suppress or distort information about which the public has a right to know because of undue pressure or influence from commercial, political or social interest.</p>	<p><b>Ingingo ya 48: Gushyirwaho igitutu cyangwa guhatirwa</b></p> <p>Ba nyir'igitangazamakuru, abasohora inkuru n'abakora umwuga w'itangazamakuru ntibemerewe guhagarika inkuru abaturage bafite uburenganzira bwo kumenya cyangwa ngo bayigoreke kubera igitutu cyangwa imbaraga zikoreshejwe bishingiye ku nyungu z'ubucuruzi, iza politiki n'iz'imibereho myiza.</p>	<p><b>Article 48: Pression ou influence injustifiée</b></p> <p>Les propriétaires de médias, les éditeurs et les professionnels ne doivent pas supprimer ou déformer des informations que le public a le droit de connaître en raison de pressions ou d'influences injustifiées provenant d'intérêts commerciaux, politiques ou sociaux.</p>
<p><b>Article 49: Payment for Information</b></p> <p>Media organs, journalists and media practitioners shall not publish, broadcast or suppress an editorial report or omit or alter vital facts in that report in return for payment of money or for any other gift or reward. This ethic shall, however, not apply to advertisements or advertorials.</p> <p>Media organs, journalists and media practitioners shall not pay people to act as information sources.</p>	<p><b>Ingingo ya 49: Kwirinda kwishyurwa no kwishura amakuru</b></p> <p>Ibitangazamakuru, abanyamakuru n'abakora umwuga w'itangazamakuru birinda kwakira amafaranga cyangwa indi mpano iyo ari yo yose kugira ngo batangaze inkuru, bayihagarike, bayikureho cyangwa bakuremo amakuru y'ingenzi. Ariko ibi ntibireba ibijyanye n'amatangazo no kwamamaza.</p> <p>Ibitangazamakuru, abanyamakuru n'abakora umwuga w'itangazamakuru ntibagomba kwishyura uwabahaye amakuru.</p>	<p><b>Article 49: Paiement de l'information</b></p> <p>Les organes de presse et les journalistes et les professionnels des médias ne doivent pas publier, diffuser ou supprimer une nouvelle, ni omettre ou modifier des faits essentiels dans ce reportage en échange d'une somme d'argent ou de tout autre cadeau ou récompense. Cette éthique ne s'applique toutefois pas aux publicités ou aux publiereportages.</p> <p>Les organes de presse, les journalistes et les professionnels des médias ne doivent pas payer des personnes pour qu'elles agissent comme sources d'information.</p>

<p><b>CHAPTER SIX: BREACHES OF THE CODE OF ETHICS, COMPLAINTS AND SANCTIONS</b></p> <p><b>Article 50: Professional breaches</b> Any breach by the journalist/ media practitioner of duties and obligations prescribed by the code of ethics governing the journalist/ media practitioner constitutes professional breach of the code of the ethics and misconduct.</p> <p>The breaches of the code of ethic are categorized by the ethics committee as minor or serious breaches based on the intent and presumed damage.</p>	<p><b>UMUTWE WA 6: KURENGA KU MAHAME NGENGAMYITWARIRE, IBIREGO N'IBIHANO</b></p> <p><b>Ingingo ya 50: Kurenga ku mahame y'umwuga</b> Iyo umunyamakuru n'undi ukora umwuga w'itangazamakuru arenze ku nshingano ze nkuko bikubiye muri aya mahame agenga abakora umwuga w'itangazamakuru aba arenze ku mahame agenga uwo mwuga kandi bisobanura ko aba aranzwe n'imyifatire idakwiye. Komite igenzura imyifatire niyo igena ko kurenga ku mahame ngenyamytwarire byoroheje cyangwa bikomeye bitewe n'icyo uwayarenzeho yari agamije n'uburemere bw'ikosa.</p>	<p><b>CHAPITRE SIX: INFRACTIONS AU CODE D'ETHIQUE, PLAINTES ET SANCTIONS</b></p> <p><b>Article 50: Manquements professionnels</b> Tout manquement par le professionnel des médias aux devoirs et obligations prescrits par le code d'éthique régissant le métier de professionnel des médias constitue un manquement professionnel au code de d'éthiqueet une mauvaise conduite</p> <p>Les manquements au code d'éthiquesont classés par le comité de déontologie en manquements mineurs ou graves en fonction de l'intention et du préjudice présumé.</p>
---	--	--

<p><b>Article 50: Complaints</b></p> <p>A complaint shall be lodged by:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) anyone acting in their own interest;</li> <li>(ii) anyone acting on behalf of another person who cannot act in his or her own name;</li> <li>(iii) anyone acting as a member of, or in the interest of, a group or class of persons;</li> <li>(iv) an association acting in the interest of its members; and</li> <li>(v) Any legal person or entity represented by a mandated person.</li> </ul>	<p><b>Ingingo ya 50: Gutanga ikirego</b></p> <p>Ikirego gitangwa n’aba bakurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Umuntu wese ufite inyungu mu gutanga ikirego;</li> <li>(ii) Umuntu wese utanze ikirego mu izina ry’undi udafite ubushobozi bwo kubyikorera;</li> <li>(iii) Umuntu wese utanze ikirego nk’umwe mu bagize itsinda ry’abantu cyangwa se akabikora ku nyungu z’itsinda;</li> <li>(iv) Ishyirahamwe ritanze ikirego ribikoreye abanyamuryango</li> <li>(v) Urwego rwose rwemewe n’amategeko ruhagarariwe n’umuntu ubifitiye ububasha.</li> </ul>	<p><b>Article 50: Plaintes</b></p> <p>Une plainte est déposée par :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) toute personne agissant dans son propre intérêt ;</li> <li>(ii) toute personne agissant pour le compte d'une autre personne qui ne peut pas agir en son nom propre ;</li> <li>(iii) toute personne agissant en tant que membre ou dans l'intérêt d'un groupe ou d'une catégorie de personnes ;</li> <li>(iv) une association agissant dans l'intérêt de ses membres ; et</li> <li>(v) toute personne morale représentée par une personne mandatée.</li> </ul>
--	---	--



<p><b>Article 51: Respondent</b></p> <p>The “respondent” in respect of a complaint shall be a media organ which shall delegate its editor or any other mandated person to act and appear in its stead in respect of any complaints dealt with by the ethics committee.</p> <p>A respondent’s failure to appear for adjudication hearings and repeated non-compliance with the rulings of the adjudicatory system shall be sanctioned. Specific guidelines shall determine the complaints handling procedures.</p>	<p><b>Ingingo ya 51: Uwiregura</b></p> <p>Uwiregura ku kirego ni umuntu igitangazamakuru cyohereza ashobora kuba ari umwanditsi mukuru wacyo cyangwa undi muntu ushobora kugihagararira kugira ngo yiregure ku birego biba byatanzwe na komite ngengamyitwarire.</p> <p>Iyo uregwa atitabye ngo yisobanure ku byo aregwa cyangwa ntiyubahirize ibyemezo byafashwe ku buryo bwikurikiranya afatirwa ibihano.</p> <p>Amabwiriza yihariye asobanura uko ibirego bitangwa n’uko bisuzumwa.</p>	<p><b>Article 51: Défendeur</b></p> <p>Le "défendeur" d'une plainte est un organe de presse qui délègue son rédacteur en chef ou toute autre personne mandatée pour agir et comparaître à sa place dans le cadre des plaintes traitées par le comité d'éthique.</p> <p>Le défaut de comparution d'un défendeur aux audiences de jugement et le non-respect répété des décisions du système de jugement seront sanctionnés.</p> <p>Des directives spécifiques déterminent les procédures de traitement des plaintes.</p>
---	--	---

<p><b>Article 52: Preventing recidivism</b></p> <p>When the ethics committee finds that a journalist/ media practitioner or media organ is a repetitive offender will recommend that the board members convene a hearing to inquire into the repeated ethical breach and ask the offender for an explanation and a plan to prevent recidivism.</p>	<p><b>Ingingo ya 52: Kwirinda ubusubiracyaha</b></p> <p>Iyo komite ngangamyitwarire isanze umuntu ukora umwuga w'itangazamakuru cyangwa ikigo cy'itangazamakuru cyarasubiyemo ikosa ryakozwe, iyo komite isaba abagize inama y'ubutegetsi gutumiza abayigize kugira ngo basuzume icyaba cyarateye iryo kosa kwisubiramo kandi bagasaba uwarikoze gutanga ibisobanuro no kugaragaza uko atazarisubira.</p>	<p><b>Article 52 : Prévention de la récidive</b></p> <p>Lorsque le comité d'éthique constate qu'un professionnel des médias ou un organe de presse est un récidiviste, il recommande aux membres du conseil d'administration de convoquer une audience pour enquêter sur le manquement répété à l'éthique et demander au contrevenant des explications et un plan pour prévenir la récidive.</p>
--	---	--

<p><b>Article 53 : Sanctions</b>  Reprimands, caution, corrections, retractions, apologies, monetary fines, suspension, expulsion.  The following disciplinary faults shall be punished as such:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) any contravention of the ethics, laws and regulations that impair the honour of the profession. However, the disciplinary proceeding is independent of the criminal prosecution;</li> <li>(ii) behaviour and conduct in the privacy infringing the duty of delicacy, dignity, honor and probity, inherent with the profession of journalism;</li> <li>(iii) any breach of the duty of training and participation in the case of assignment;</li> </ul>	<p><b>Ingingo ya 53: Ibihano bitangwa</b>  Gucyahwa, kwihanangirizwa, gukosorwa, kwisubiraho, gusaba imbabazi, gutanga amande, guhagarikwa by’agateganyo, kwirukanwa.  Aya makosa afatwa nk’ayo mu rwego rw’imyifatire kandi ahanwa muri urwo rwego :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Kurenga ku mategeko n’amabwiriza ashobora kwangiza isura y’umwuga. Ariko ukurikiranywe mu rwego rw’imyifatire ntibivuga ko adashobora gukurikiranwa mu manza mpanabyaha;</li> <li>(ii) Imyifatire n’imyitwarire umuntu agize mu buzima bwite bwe ariko ibangamiye inshingano zijyanye no gukora umwuga we adahubutse, mu cyubahiro no mu ishema rye n’ubunyangamugayo bisanzwe mu mwuga w’itangazamakuru.</li> <li>(iii) Kutubahiriza inshingano z’amahugurwa nokutitabira igikorwa yahahwe;</li> </ul>	<p><b>Article 53: Sanctions</b>  Réprimandes, avertissements, corrections, rétractations, excuses, amendes pécuniaires, suspension, expulsion.  Les fautes disciplinaires suivantes sont sanctionnées comme telles :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) toute contravention à la déontologie, aux lois et règlements qui porte atteinte à l'honneur de la profession. Toutefois, la procédure disciplinaire est indépendante des poursuites pénales ;</li> <li>(ii) le comportement et la conduite dans la vie privée portant atteinte au devoir de délicatesse, de dignité, d'honneur et de probité, inhérent à la profession de journaliste ;</li> <li>(iii) Tout manquement au devoir de formation et de participation à l'aide juridictionnelle en cas de mission;</li> </ul>
--	--	---

<p><b>Article 54: Process of Sanctioning</b> Journalists/ media practitioner who will breach this code of ethics will incur one or a combination of the following sanctions, by order of the Ethics Committee: verbal warning, written warning, suspension, financial penalties and exclusion from media profession. Exclusion (procedures of exclusion) from media profession can only be enforced with the approval of the highest organ of RMC. Special guidelines determining the category of sanctions that merit suspension, financial penalties and exclusion from the media profession shall be established by RMC.</p>	<p><b>Ingingo ya 54: Gutanga ibihano</b> Umuntu wese ukora umwuga w’itangazamakuru utubahiriza amahame ngengamyitwarire, komite ishinzwe imyitwarire imuha kimwe cyangwa bimwe muri ibi bihano: kwihanangirizwa mu magambo, kwihanangirizwa mu nyandiko, guhagarikwa by’agateganyo, gucibwa amande no kwirukanwa burundu mu mwuga w’itangazamakuru. Kwirukanwa burundu mu mwuga w’itangazamakuru bikorwa gusa n’urwego rwo hejuru rwa (RMC). Amabwiriza yihariye ateganya amakosa akwiriye ibihano birimo guhagarikwa by’agateganyo, gucibwa amande no kwirukanwa burundu ashirwaho na RMC.</p>	<p><b>Article 54: Sanctions</b> Les professionnels des médias qui ne respecteront pas ce code d’éthique s'exposeront à une ou plusieurs des sanctions suivantes, sur ordre du Comité d'éthique : avertissement verbal, avertissement écrit, suspension, pénalités financières et exclusion de la profession. L'exclusion (les procédures d'exclusion) de la profession de journaliste ne peut être appliquée qu'avec l'approbation de l'organe suprême du RMC. Des lignes directrices spéciales déterminant la catégorie de violations du code d'éthique qui méritent une suspension, des sanctions financières et l'exclusion de la profession de journaliste seront établies par la RMC.</p>
<p><b>Article 55: Publication of sanctions</b> Sanctions of suspension and exclusion from media practice are communicated to the public and other relevant organs.</p>	<p><b>Ingingo ya 55: Gutangaza ibihano</b> Ibihano byo guhagarika ukora umwuga w’itangazamakuru by’agateganyo cyangwa burundu bitangarizwa rubanda n’izindi nzego bireba.</p>	<p><b>Article 55: Publication des sanctions</b> Les sanctions de suspension et d'exclusion de la profession de journaliste sont communiquées au public et aux autres organes concernés.</p>

<p><b>Article 56: Investigation of indiscipline acts</b></p> <p>The RMC shall investigate acts of unethical and indiscipline cases on its own initiative or upon a filed complaint of any interested person.</p>	<p><b>Ingingo ya 56: Gukora iperereza ku myifatire mibi</b></p> <p>RMC ikora iperereza ku myifatire mibi ibyibwirije cyangwa hari umuntu bifitiye inyungu watanze ikirego.</p>	<p><b>Article 56: Enquête sur les actes d'indiscipline</b></p> <p>La RMC enquête sur les actes d'indiscipline de sa propre initiative ou sur plainte déposée par toute personne intéressée.</p>
<p><b>Article 57: Right to defense and appeal</b></p> <p>A journalist, media practitioner and a media organ accused of contravening this code of ethics shall be heard by ethics committee before any sanction is taken against them. Appeals to such decisions made by ethics committee are permissible. The appeal shall be addressed to the highest organ of RMC in a period not exceeding 15 days from the date of the notification of the decision.</p>	<p><b>Ingingo ya 57: Uburenganzira bwo kwiregura no kujurira</b></p> <p>Umunyamakuru, ukora umwuga w'itangazamakuru n'ikinyamakuru barezwe kuba barenze ku mahame ngengamyitwarire bisobanura imbere ya komite ngengamyitwarire mbere yuko bafatirwa ibihano. Uwahanwe ashobora kujuririra ibyo byemezo byafashwe na komite ngengamyitwarire. Ubujurire bugezwa ku rwego rwo hejuru rwa RMC mu gihe kitarenze iminsi 15 uherye ku itariki bamenyesherejweho icyo cyemezo.</p>	<p><b>Article 57: Droit à la défense</b></p> <p>Un professionnel des médias et un organe de presse accusés d'avoir enfreint le présent code de déontologie doivent être entendus par le comité d'éthique avant toute sanction à leur encontre. Il est possible de faire appel des décisions prises par la commission d'éthique. L'appel doit être adressé à l'organe suprême du RMC dans un délai n'excédant pas 15 jours à compter de la date de notification de la décision.</p>

<p><b>CHAPTER SEVEN: ENFORCEMENT OF THE CODE OF ETHICS</b></p> <p><b>Article 58: Violations to the Code</b></p> <p>Violations of this code of ethics will be examined and evaluated by an Ethics Committee of the RMC, elected on the strength of their professional ability and integrity to adjudicate and discharge any matters or complaints arising from the Code of Ethics.</p>	<p><b>UMUTWE WA 7: GUSHYIRA MU BIKORWA AMAHAME NGENGWAMYITWARIRE</b></p> <p><b>Ingingo ya 58: Kurenga ku Ngengamyitwarire</b></p> <p>Ibirego byose by’abarenze ku mahame ngengamyitwarire bisuzumwa na Komite ishinzwe imyifatire ya RMC igizwe n’abantu batorwa hashingiwe ku bushobozi n’ubunyangamugayo bubaranga bibafasha gukemura ibibazo byose bijyanye no kutubahiriza amahame ngengamyitwarire.</p>	<p><b>CHAPITRE SEPT: APPLICATION DU CODE D'ETHIQUE</b></p> <p><b>Article 58: Violations du code</b></p> <p>Les violations du présent code d'éthique seront examinées et évaluées par un comité d'éthique de RMC, élu sur base de sa capacité professionnelle et de son intégrité pour statuer et régler toute question ou plainte découlant du code d'éthique.</p>
<p><b>Article 59: Complaints on adherence to Code</b></p> <p>Every person, group of people or/and legal entities are entitled to require RMC to examine the case of a transgression committed by a journalist/ media practitioner or a media organ in accordance with the code of ethics.</p>	<p><b>Ingingo ya 59: Ibirego bijyanye no kutubahiriza amahame ngengamyitwarire</b></p> <p>Umuntu uwo ari wese, itsinda ry’abantu cyangwa imiryango yemewe n’amategeko bashobora gusaba RMC gusuzuma amakosa ajyanye no kurenga ku mahame ngengamyitwarire yakozwe n’umuntu ukora umwuga w’itangazamakuru cyangwa igitangazamakuru.</p>	<p><b>Article 59: Plaintes sur le respect du Code</b></p> <p>Toute personne, groupe de personnes ou/et personne morale a le droit de demander à RMC d'examiner le cas d'une transgression commise par un journaliste/ professionnel des médias ou un organe de presse conformément au code d'éthique.</p>

<p><b>Article 60: Peer jurisdictions</b> Journalist/ media practitioners and media organs shall be subjected to the jurisdiction of RMC which has powers to impose sanctions accordingly.</p>	<p><b>Ingingo ya 60: Ubutabera butangwa n’abo muhuje umwuga</b> Abanyamakuru n’abandi bakora umwuga w’itangazamakuru n’ ibitangazamakuru bagengwa na RMC ari na yo ifite ububasha bwo gutanga ibihano.</p>	<p><b>Article 60: Juridictions par les pairs</b> Les journaliste/ professionnels des médias et les organes de presse doivent être soumis à la juridiction de RMC qui a le pouvoir d'imposer des sanctions en conséquence.</p>
<p><b>Article 61: Mediation</b> In any conflicts, mediation is prioritized. However, disciplinary sanctions should not be one of the evidences and facts to be used in other jurisdictions.</p>	<p><b>Ingingo ya 61: Kunga abafitanye amakimbirane</b> Mu makimbirane ayo ari yo yose, uburyo bwo kunga abashyamiranye nibwo bushyirwa imbere. Ariko ibihano mu rwego rwa disipline ntibigomba gukoreshwa nk’ibimenyetso bitangwa mu butabera.</p>	<p><b>Article 61: Médiation</b> Dans tout conflit, la médiation est privilégiée. Cependant, les sanctions disciplinaires ne doivent pas faire partie des preuves et des faits à utiliser dans les autres instances judiciaires.</p>

<p><b>CHAPTER EIGHT: FINAL PROVISIONS</b></p> <p><b>Article 62: Introducing Internal Code of Conduct</b></p> <p>Media organs must establish their internal code of ethics in line with this code of ethics issued by RMC and self-regulate.</p> <p>RMC will monitor the implementation status of the code of ethics.</p>	<p><b>UMUTWE WA 8: INGINGO ZISOZA</b></p> <p><b>Ingingo ya 62: Gushyiraho amabwiriza agenga imyitwarire mu kigo</b></p> <p>Ibitangazamakuru bigomba gushyiraho amahame ngengamyitwarire mu kigo imbere ashingiye kuri aya mahame yatanzwe na RMC kugira ngo bashobore kwigenzura. RMC ifite inshingano zo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa amahame ngengamyitwarire.</p>	<p><b>CHAPITRE HUIT: DISPOSITIONS FINALES</b></p> <p><b>Article 62: Mise en place d'un code d'éthique interne</b></p> <p>Les organes de presse doivent établir leur code d'éthique interne conformément au présent code d'éthique publié par le RMC et s'autoréguler. RMC surveillera l'état d'application du code d'éthique.</p>
<p><b>Article 63: Special guidelines</b></p> <p>RMC shall establish specific guidelines to regulate special areas in supporting this code of ethics.</p>	<p><b>Ingingo ya 63: Amabwiriza yihariye</b></p> <p>Komisiyo y'itangazamakuru mu Rwanda ishyiraho amabwiriza yihariye azafasha mu gushyira mu bikorwa amabwiriza agenga imyifatire mbonezamurimo.</p>	<p><b>Article 63: Lignes directrices spéciales</b></p> <p>RMC doit établir des lignes directrices spécifiques pour réglementer des domaines particuliers à l'appui de ce code d'éthique.</p>



<p><b>Article 64: Interpretation and implementation of Code of ethics</b></p> <p>The persons subjected to this code of ethics are accredited journalists/ media practitioners and media organs officially operating in Rwanda. RMC is the final authority to interpret and enforce this code of ethics. The present Code of Ethics will come into effect after adoption by the highest organ of RMC and signing by RMC Chairperson.</p>	<p><b>Ingingo ya 64: Gusobanura no gushyira mu bikorwa amahame ngengamyitwarire</b></p> <p>Abantu barebwa n'aya mahame ngengamyitwarire ni abanyamakuru, abakora umwuga w'itangazamakuru bemewe n'ibitangazamakuru bikorera ku mugaragaro mu Rwanda.</p> <p>RMC ni rwo rwego rushinzwe gusobanura no gushyira mu bikorwa aya mahame ngengamyitwarire. Aya mahame ngengamyitwarire atangira gushyirwa mu bikorwa iyo amaze kwemezwa n'urwego rukuru rwa RMC kandi agashyirwaho umukono n'Umuyobozi mukuru wa RMC.</p>	<p><b>Article 64: Interprétation et mise en œuvre du code d'éthique</b></p> <p>Les personnes soumises à ce code d'éthique sont les professionnels des médias accrédités et les organes de presse opérant officiellement au Rwanda. RMC est l'autorité finale pour interpréter et appliquer ce code d'éthique. Le présent code d'éthique entrera en vigueur après son adoption et sa signature par le président du RMC.</p>
<p><b>Article 65: Amendment</b></p> <p>This code of ethics may be updated or revised in accordance with eventual changes influenced by either modification of structures of RMC, new enacted laws and policies related to media sector in Rwanda and any other reforms made in the media sector.</p>	<p><b>Ingingo ya 65: Ivugurura ry'aya mahame</b></p> <p>Aya mahame ngengamyitwarire azajya avugururwa hashingiwe ku mpinduka zishobora guterwa n'ihinduka ry'inzezo za RMC, amategeko mashya na politiki bijyanye n'itangazamakuru mu Rwanda bishobora gushyirwaho cyangwa andi mavugururwa yose yakorwa muri urwo rwego.</p>	<p><b>Article 65: Modifications</b></p> <p>Ce code d'éthique peut être mis à jour ou révisé conformément aux changements éventuels influencés par la modification des structures du RMC, les nouvelles lois et politiques promulguées relatives au secteur des médias au Rwanda et toute autre réforme effectuée dans le secteur des médias.</p>

<p><b>Article 66: Drafting, consideration and adoption of this code of ethics</b></p> <p>This code was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.</p>	<p><b>Ingingo ya 66 : Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’aya mahame ngengamyitwarire</b></p> <p>Aya mahame ngengamyitwarire yateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, asuzumwa kandi atorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p>	<p><b>Article 66: Initiation, examen et adoption du présent code d'éthique</b></p> <p>Le présent code a été initié en Anglais, examiné et adopté en Kinyarwanda.</p>
---	---	--

<p><b>Article 67: Repealing provision</b></p> <p>The Code of ethics of June 2011 (Amended and Revised April 2014) is hereby repealed. All works and procedures carried out as per the Journalist Code of June 2011 (Amended and Revised April 2014) shall be taken as per this code of ethics.</p> <p>The complaints relating to code of ethics filed at RMC before the issuance of this code of ethics shall be proceeded as per this code of ethics.</p> <p>Any other provision of the code of ethics contrary to this are hereby repealed.</p> <p><b>END</b></p>	<p><b>Ingingo ya 67 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mahame</b></p> <p>Amahame Ngengamyitwarire yo muri Kamena 2011 (yavuguruwe muri Mata 2014) avanyweho. Ibyakozwe byose mu rwego rw'amahame ngengamyitwarire y'umwuga w'itangazamakuru yo muri Kamena 2011 (yavuguruwe muri Mata 2014) bizafatwa nk'ibikurikije aya mahame ngengamyitwarire.</p> <p>Ibirego byose bijyanye n'amahame ngengamyitwarire byagejwe kuri RMC mbere y'aya mahame Ngengamyitwarire bizakurikiranwa hakurikijwe ibikubiye muri aya mahame Ngengamyitwarire.</p> <p>Izindi ngingo zose zirebana n'aya mahame ngengamyitwarire zinyuranyije nayo zikuweho.</p> <p><b>END</b></p>	<p><b>Article 67: Disposition abrogatoire</b></p> <p>Le Code d'éthique Juin 2011 (amendé et révisé en avril 2014) est abrogé. Tous les travaux et procédures effectués conformément au Code du journaliste Juin 2011 (amendé et révisé en avril 2014) doivent être considérés conformes au présent code d'éthique.</p> <p>Les plaintes relatives au code d'éthique déposées à RMC avant la publication du présent code d'éthique seront traitées conformément au présent code d'éthique. Toute autre disposition du code d'éthique contraire à la présente est abrogée.</p> <p><b>END</b></p>
---	---	---